

Ubutumwa bwa Yozefa MUKAMANA mu ibonekerwa ryo ku itariki ya 20/3/1989.

Buri gihe atangira kubonekerwa ari saa cyenda. Uwo munsu hari mu gisibo, ajya kuri podium isaha igeze. Yambaye ikanzu itukura. Atangira kuririmba indirimbo y'ububabare bwa Yezu. Maze atangira kuganira na Yezu mu mushyikirano wibutsa igisibo amazemo iminsi. Aherako asubiza kucyo abajijwe, cyangwa se kucyo abwiwe ati «ntabwo nshobora kubyinubira bitewe n'uko mwabinsezeranyije. Oya, iminsi ya mbere ntacyo yantwaye ariko iyingiyi irindwi nyine numvishe yaranyishe cyane. Oya, nabwo yari kuba myinshi ariko rero ku mbaraga zanyu umuntu yabishobora». Asubiza kucyo abwiwe ati ntabwo nigeze mbyinubira habe na gato, kuko nta wakwinuba icyo mumuhaye». Arasubiza kucyo abwiwe ati «ndabizi kuko akenshi, natwe hariho igihe tuyizirikana, nanjye iyo niherereye ndayizirikana». Asubiza kucyo abwiwe ati «ni mwe nishyize mu biganza byanyu munkoreshe icyo mushaka». Atega amatwi, arasubiza ati «oya, ntabwo ari cyane uretse ko utari kumwe nawe ntacyo yakimarira».

Yikiriza kucyo abwiwe noneho atangira kuririmba ati «umunsi uzatoranya abawe, Mana uzatubabarire. Yezu azatunguka afite umusaraba utinyisha bose, ababi n'aneza». Mu gihe aririmba yitura hejuru y'uruzitiro rwa podium umugongo ufataho; areguka akomeza kuririmba yongera kwituraho nka mbere, ubwo ariko akomeza kuririmbanoneho yitura hejuru y'ibintu biri kuri podium yubitse inda. Ahagurutse aririmba indi ndirimbo nayo y'igisibo isabira abari mu purgatori. mu gihe ayiririmba yongera kwitura hasi, noneho ahubwo arabirinduka rwose yikubita hasi inyuma y'uruzitiro rwa podium, ahantu hasumba metero y'ubuhagarike abyuka akiririmba ati «Yezu ugira ibambe ukize abo mu purgatori. Anyura mu bantu aririmba yongera kuzamuka kuri podium. Ahageze yikiriza kucyo abwiwe ati «niba binagikomeza ariko ndagusaba ukwihangana, igisibo cy'umwaka ushize, utetse ko ntawe nabibwiye, burya naratashye numva umugongo urandya, ndaceceka nyine».

Yongera kuririmba indirimbo y'igisibo igira iti «Mubyeyi ugira ibambe jya utwibutsa iminsi yose ibyababaje Yezu, atangiye igitero ahita yitura hasi umugongo uri hasi akomeza kuririmba aza kubadukana ingoga akiririmba yongera kwitura hasi na none umugongo uri hasi ariko mu kindi cyerekezo yongera kubaduka akiririmba areba ku ruhanda rwa ruguru yongera kwitura hasi na none abanje umugongo; yongera kubaduka yerekeza ku rundi ruhanda. Yongera kwitura hasi bibabaje umutwe we witura ku cyuma (appareil d'enregistrement) ariko ntiyakomereka. Muri uko kwitura

hasi niko yaririmbaga, kandi agwa mu mpande zose imbere n'inyuma, hepfo no haruguru, arabyuka apfukama akiririmba ateze amaboko nk'umusaraba.

Asubiza kucyo abajijwe ati «uretse yenda nka rimwe na rimwe twashoboye kubonana, ariko aba ari impande zose nta kintu nashoboye kumenya. Yikiriza kucyo abwiwe agisubiramo ati «teka mumbwira yuko igihe cyose muduhora iruhande. Kandi koko nk'uko wari wambwiye uti mwana wanjye ujye uhabwa ukaristiya kenshi izagutunga. Koko narabibonye ahubwo nyine kereka yaba adafite ukwizera, oya nasanze ari wese.

Asubiza kucyo abwiwe ati «abongabo nabo buri muntu afite uko atekereza ku giti cye n'undi uko atekereza».

Yongera gusubiza kucyo abwiwe ati «uko nashoboye kubibona, nabonye cyaragenze neza, ariko ntabwo ari twese». Arikiriza ati «twarafatanyije. Nagiyeyo uretse ko nahageze nkahakorera uko mwari mwabimbwiye ibisigaye mukambwira yuko muzabindangiriza

Akomeza kwikiriza kubyo abwirwa, avuga asubiza ati «muratwibutsa kenshi nuko tudafite amatwi yo kumva, iyaba twumvaga twasobanukirwa. Kereka nkamwe mushobora kureba mu mitima y'abantu naho twebwe tureba inyuma gusa ntabwo tumenya uko imbere bimeze».

Asubiza kucyo abwiwe ati «oya ntabwo nigeze nshidikanya da; ariko ndabona mutishimye nko ku itariki ya 6/1 uko mwaje, ntabwo ari ko mwongeye kuza mumeze». Asubiza kucyo abwiwe ati «oya ubu murababaye cyane ahri yenda nuko dukora amakosa menshi».

Akomeza kwikiriza icyo abwirwa ati «twifatanyije namwe, tugomba kubishobora uretse ko intege ari zo zibura».

Yikiriza kucyo abwiwe, arasubiza ati «umusaraba nawukoze nk'uko mwabimbwiye , kereka niba yenda hari ikindi mwabonye ntatunganiye nk'uko mwakimbwiye».

Yikiriza kucyo abwiwe, ati «ariko se Papa yego murabona uko tumeze, njyewe iyo mbona, mbona yenda haba harahindutse nka bakeya ariko mwebwe mushobora kubireba, ni mwe mushobora kutubwira muti hahindutse aba n'aba, aba n'aba».

Yikiriza kucyo abwiwe ati «oya, ni inzira imwe ariko rero burya iyo umuntu abajije agasobanukirwa arushaho kumenya ku buryo anasobanurira n'abandi».

Arasubiza ati «ntabwo ari cyane, ibyo ni ibisanzwe turabizi, ubu se habura na bake bagerageza nko muri iki gisibo?»

Arikiriza atega amatwi umwanya noneho avuga abwira abari aho ibyo atumwe kubagezaho ati:

«Ngo aratubwira igihe cyose, ngo nidusenge kuko tutazi umunsi n’igihe. Ngo aratubwira yuko, aho turi hose, ibyo dukora byose, ngo ntitukinube umusaraba dufite, ngo kuko uzamukurikiza wese azahura n’ibigeragezo, ngo kandi akaba afite umusaraba igihe cyose adashobora kuwinubira. Ngo aratubwira yuko, aho turi hose mubyo dukora byose tujye tumenya kuzirikana kuko akenshi dukunze kurangara ngo ari mu masengesho, ari n’ibindi byose dukora».

Yongera gutega amatwi, ati «ngo yaratubwiye, ngo ntitwibwire yuko igihe yatubwiye, azongera kwivuguruza ibyo yaba yaratubwiye». Ngo igihe gishize ni kirekire turi kumwe nawe ngo ariko nyamara arabona nta na kimwe kiriyongera.

Yongera gutega amatwi maze avuga nk’utumwe ku bari aho ati «ngo nimusabe muzahabwa, ngo nimukomange muzakingurirwa, ngo mushakashake muzaronka. Ngo ariko turanga kumva tugifite umwanya, ngo ariko hariho igihe tuzifuza kumva ntawe utubwira. Ngo ntitugire ngo igihe cyose tuzahorana, ngo nyamara hariho igihe azadusezerera akazagenda ngo ariko bamwe bakazabyibagirwa ngo abandi bakazaba babyibuka. Ngo mwakumvise mukiri kumwe, ngo ko yabatumyehe kenshi».

Aceceka gato ati «erega ubundi kwibagirwa kubaho bitewe n’uko iyo udaherukana n’umuntu akenshi iyo hashize igihe kirekire uribagirwa, ariko iyo muhorana urushaho kumuzirikana ukamwibuka. Namwe rero igihe muzaba mwaradusezereye simbizi kereka mwebwe ni mwe muzi uko bizamera.

Abaza kucyo abwiwe akikiriza, asubiza kucyo abwiwe ati «oya uwambazaga namubwiraga nti marariya yanyishe, ariko burya sinabaga mbeshya!!! Nicecekeraga nkaryumaho ku buryo n’uwambazaga wese namubwiraga nti ni marariya».

Yikiriza kucyo abwiwe arasubiza ati «erega ku isi bakunda kubaza, ku buryo bashobora kukubaza n’akari hehe. Nkanyuzamo nkabihorera nkavuga nti ahubwo ntabwo mwansuye».

Yikiriza kucyo abwiwe, arasubiza ati «oya twari twifatanyije. Yego nzi yuko buri gihe ko mwambwiye ko buri 20 za buri mwaka, nzajya ndushaho kuzirikana ububabare bwanyu».

Akomeza kwikiriza kubyo abwirwa arasubiza ati «ntabwo byambereye igitangaza, kubera yuko keretse iyo mba mbibonye ari ubwa mbere, bitewe nuko rero atari ubwa mbere, ntabwo byambereye igitangaza kuko iyo umuntu amenyeranye n'ikintu ntabwo agira ubwoba».

Akomeza kwikiriza kubyo abwirwa, arasubiza ati «urebye akenshi ni ugucumbagira». Ati «yego ariko kandi bitewe nuko yenda umuntu aba avuga ati muzaza vuba, umuntu arushaho kwizera kandi ntahangayike kuko agiye guhangayika yapfa!!!»

Arikiriza ati «ahubwo narabyiyibagije uretse rimwe na rimwe nagiye kubona mbona, ariko sinzi uko byari bigenze, mbona umuntu araje arambwiye ati «ngwino tuyane kurya», isoni ziranyica, kandi nari nsinziriye niryamiye rwose, ndibaza, ndavuga nti ariko ubu Papa nawe arampemukiye nti ubu se aka kanya ararangije?»

Yikiriza kucyo abwiwe, arasubiza ati «oya, ntabwo nari kubyakira, mutabimpaye? Nabonaga yuko ari unshuka. Erega burya aho muri n'umwanzi aba ahari. Kuko nyine umuntu akora gatoya, ariko umwanzi akaba arekereje. None se urumva umuntu yabigenza gute? Ni ukudukomeza kugira ngo ejo tutazagwa mu ruzi turwita akaziba».

Yikiriza kucyo abwiwe, arasubiza ati «erega ntawe uba abinaniwe, ariko kwakira nibyo biruhije; ikibazo ni ukwakira».

Akomeza gutega amatwi akajya yikiriza noneho ati «erega n'ikindi gihe ariko rero ibya mbere byarahise nta kibazo».

Yikiriza kucyo abwiwe, noneho atangira kuririmba ati «Yezu wemeye gupfa umeze nk'intabwa urwo twari dukwiye ni wowe rwahamye abo babisha bawe ntibagusoneye, tweho turagushima tugushimagiza».

Mu gihe aririmba igitero yitura hasi agushije umugongo amaboko ameze nk'abambye, ubwo ariko akomeza kuririmba, arabaduka yerekeza amaso mu rundi ruhande, akomeza gutera ati «nimundorere umutwe usakaje amahwa, amaraso awutemba umubiri wose». Kuri icyo gitero aba yaguye inyuma amavi ari hasi umutwe waregukiye inyuma nawo ugera hasi, kandi ari ko ataretse kuririmba. Yongera kweguka, arahaguruka akiririmba ati «Yezu ntabwo yinubye ibyo byago byose» atararangiza icyo

gitero yongera kwitura hasi, agusha igice cy'imbere kun da nta kwiramira, ataretse kandi kuririmba, arabyuka amaboko yari ateze nk'umusaraba ayabumbira ku gituza arangije inyikirizo, avuga nk'usubiza ati «ni mwebwe mpora nishyize mu maboko yanyu, kuko ari ku bwanjye ntacyo nakwimarira; kandi tuzi ko igihe cyose, tugendera ku mbaraga zanyu, nkuko mubitubwira muti unsaba nzamuha, n'ukomanga azakingurirwa. Ibyo byose rero akenshi iyo twicaye twiherereye, dukunda kubizirikana. Erega ntawabura kuzirikana areba urupfu mwapfuye. Ntabwo mwapfuye urupfu rwiza uretse ko kenshi twe tutibaza».

Yikiriza kucyo abwiwe, ati «nkuko mwaje mubabaye, nta byishimo na bike mufite. Ariko se nkubwo mwababajwe n'iki?»

Abaza nk'utumvise neza icyo abwiwe, arasubiza ati «njyewe se, impamvu nababaye nuko mbona uko mumeze, kuko nta kuntu wareba uwo muri kumwe ababaye ngo nawe wishime».

Yikiriza kubyo abwiwe, arasubiza ati «erega burya kereka utazi kureba, ariko kugira ngo umuntu ababone mubabaye, no kubabona mwishimye, umuntu abona nta kundi yabivuga».

Asubiza kucyo abwiwe, ati «oya ntabwo nigeze mvuga ngo muzansezerere, kubera yuko mwari mwambajije cyane uretse ko navuze nti Papa uwazampa ngo azambonekere umwaka umwe gusa. Kubera ko Mama we araza tukabyina tukishima ariko mwebwe mukaza mubabaye, mwambaye igishura gitukura ariko Mama we aza yambaye ubururu n'umweru, nkabona arishimye, ariko mwebwe nkabona murababaye cyaneee, mbese nkibaza yuko ahari nabarakaje biteye ubwoba».

Abaza kucyo abwiwe atumvise, ati «oya ariko rero mwese ndabakunda, ubwo se ko umbwiye ngo nkunda Mama wenyine, ubwo se nabanga nkabashyira hehe? Kandi sinanabitekereza».

Asubiza ku kindi abwiwe ati «ahubwo sinari nzi ko nabyo mushobora kubimenya, uretse ko nta kintu umuntu yavuga yiherereye, nkuko muvuga muti n'uwaba ari hehe hose mba mpareba. Ariko kandi no ku mutima byose koko muba mwabirangije nk'ibyo nabivuze, mbese ari nk'ikintu kinjemo, kubera ko cya gihe mu isengesho, twaririmbye indirimbo numva irambabaje cyane, nibuka ko ahari nta na kimwe mbatunganyiriza, ngiye kumva numva amarira araje. Icyo gihe rero niho nabivuze, ariko nta muntu nabibwiye».

Yikiriza kucyo abwiwe arasubiza ati «yego n’ubundi mutureba imbere n’inyuma kuko ntaho tubakinga iyaba twagiraga aho tugakinga, ntabwo mwajya mureba byose».

Atega amatwi asubiza kucyo abwiwe ati «nta wabyifuza ariko kandi amaso yabarebye, kandi yarebye ibyiza yumva atasubira kureba ibintu bibi kuko ureba ibibi bigatuma ushavura cyane, umuntu yakwibuka ukuntu muba mumeze nk’uko nguko akarushaho kubabara».

Atega amatwi umwanya akikiriza kubyo abwiwe, noneho avuga nk’ubwira abari aho ati :

«ngo nitumenye yuko rero, igihe cyose n’aho turi hose, ntaho tumwihisha. Ngo ari imbere ari inyuma hose arahareba. Ngo kandi murajye mutiny a ijisho mutareba, ngo kuko ryo ribareba imbere n’inyuma, ngo kandi ribatanga kureba ibyo mutabonye. Ngo nimwitonde kandi musabe ingabire y’ubushishozi, ngo kuko yababwiye kenshi yuko igihe azaba ahari n’umwanzi aba ahari. Ngo nimusabe urumuri, musabe imbaraga za Roho Mutagatifu, ngo kugira ngo mubashe no gusobanukirwa. Ngo yababuriye kenshi, ngo nyamara ntimwibwire yuko atababwiye. Ngo ese nk’ubu ngubu ko kenshi ngo turi kwifuza ibitangaza, ngo ibitangaza bisumbye ibyo mureba buri munsu ni ibihe?

Ngo mwisaba ibitangaza, ngo ahubwo nimusabe gukomera, ngo kuko nukomera uzabona ibirushije ibitangaza ushaka. Ngo nidusenge kuko urugendo rwacu rukiri rurerure, ngo ese muzi mwari mwarugeza hehe? Ngo arababwira yuko rero, igihe muri kumwe mugomba kumusaba ngo ariko nyamara bamwe bamuteye umugongo ngo nta n’ubwo bazirikana yuko yanahigeze. Ngo ese ko yababwiye, ngo ikindi mugitegereje ni ikihe? Ngo mwisaba ibishya kandi ibya mbere nta na kimwe muramenya. Ngo ese iyo ujya gusaba ibishya, akubajije ibya mbere wamusubiza bingahe? Ngo niyo mpamvu rero, tutagomba kwinuba ngo kubera yuko abenshi bari kuvuga bati, ngo nta gihinduka ngo nyamara ibyo duhora dusanga buri munsu, ngo nibyo bongera kudusubiriramo. Ngo nyamara kandi, ngo abitubwiye kenshi ko igihe usaba utagombera gusaba ibishya. Ngo kandi si ubwa mbere abivuga. Ngo harahirwa uwo yaje asanga akamwakira, ngo hamwe n’Umubyeyi we. Ngo kandi, ngo aratubwira yuko igihe tuba turi kumwe ngo ibyo dukora byose, tugomba kwegera n’Umubyeyi we, ngo nawe tukamubwira ibyo dushaka. Ngo twimusubiza inyuma, ngo kuko adufatiye runini. Ngo hahirwa abatoterezwa

ijambo ry’Imana, ngo kuko aho kugira ngo utoterezwe ubusa, kabone uzi yuko utoterezwa ukuri».

Atega amatwi akanya asubiza kucyo abwiwe ati «ariko se Papa ubu koko sinananiwe?» Yikiriza ku bindi abwiwe, ati «ndumva nananiwe ariko oya ntabwo nshobora kwanga bitewe nuko muba mubimpaye, kandi ndumva nta n’ahantu nabihera. Uretse ko iyo mumpaye byinshi, mu minsi itaha numva ntazi ukuntu meze».

Asubiza kucyo abwiwe ati «ariko se ko uvuga ngo ndi kwisekera ubu ndasetse? Nyamara kandi nigiriye gutya gusa byonyine».

Asubiza kucyo abwiwe ati «yego nzi ko nta muteto turi kumwe hamwe nawe ariko rero burya nuko akenshi iwacu dukunda kwisekera cyane. N’iyo ubonye umuntu ubabaye ahubwo wowe ntuzirikana yuko anababaye, sinzi Ibiza bikagusekesh».

Atega amatwi akajya yikiriza kubyo abwiwe aza gusubiza ati «oya riko rero kenshi iyo mbabonye ndushaho kumva ko turi kumwe koko yego n’ubundi ntabwo njya mvuga ko tutari kumwe ariko iyo mbabonye numva ku mutima wanjye sinzi ukuntu hameze, nkumva ndishimye, nkumva koko ko igihe cyose mpora nishyize mu maboko yanyu». Asubira mubyo abwiwe abaza ati «nongere nkore undi musaraba, ariko se imisaraba ibiri ni iy’iki?»

Abaza kucyo atumvise neza, akomeza gutega amatwi, ati «ndabibona ariko nubwo mbibona nta kundi mbona nabigenza».

Noneho atangira kuririmba ateze amaboko, ahagaze. Aririmba ati «umunsi uzatoranya abawe Mana uzatubabarire», ataratangira igitero cya mbere yitura hasi, agaramye ariko atambaye ubusa, , ubwo ariko akomeza kuririmba. Arabaduka akiririmba yongera kwitura hasi na none amaboko atambitse nk’umusaraba. Yongera kubyuka, akiririmba ateze amaboko yongera kwitura hasi. Arabyuka agana ku rundi ruhande aririmba yongera kwitura hasi, arabyuka arapfukama ibiganza abibumbira ku gituzo, atega amatwi. Asubiza mu ijambo abwiwe, ati «igihe cyose nzajye menya ko ngomba kuzirikana umusaraba wanyu». Arikiriza asubiza ati «nzajya nywuzirikana kuko mubimbwira, nzajya mbikora uko mubimbwiye, kandi n’ubundi muza n’ubwa mbere, nicyo kintu mwabanje kumbwira. Mwambwiye yuko nzagomba kuzirikana ububabare bwanyu, nkamenya umusaraba wanyu icyo ari cyo».

Akomeza kwikiriza kubyo abwirwa aza kuvuga ati «ariko se Papa, uretse ko yenda nk'uko umuntu aba ari muri benshi, nkajya kumva nkumva murambwiye, nuko mu by'ukuri nta wundi ushobora kukubona ngo arebe ukuntu umeze».

Yikirirza kenshi kubyo abwirwa arasubiza ati «erega umusaraba wanyu ntabwo nywanga kandi sinawuhunga, njye ndawemera, kuko nzi icyo wakoze, kandi kugeza na n'ubu».

Asubiza kucyo abwiye ati «yego n'undi wese, hari n'abawufite ntibamenye ko bawufite ariko rero ntabwo ari kimwe n'uyu wacu. Yego ntabwo umbwira kuwuhuka, ariko se ubundi nanawuhuka nanawushobora? Mwebwe mwari mushoboye byose».

Yikiriza kubyo abwiye akomeza gutega amatwi, arasubiza ati «erega, oya burya, kereka yenda mutarabimbwiye ngo menye icyo muba mwarambwiye kubivuga n'icyo ngomba kubikoraho. Ariko kandi, yego kuzirikana ndabyumva kandi ndabibona, icyo nsaba ni ukugira ngo mujye muntiza imbaraga kugira ngo mbishobore». Urambwiye uti «kugeza ubu kuwa gatanu mutagatifu niho nzakwereka uko umeze n'icyo nawukozeho».

Yikiriza ku bindi abwiye, ati «erega n'ubundi burya iyo utorewe kubabara ukomeza icyo wahamagariwe, watorerwa ibyishimo, ugakomeza ibyishimo».

Akomeza kwikiriza ku bindi abwirwa ati «erega burya uretse ko yenda tutari twese, ariko abafite amaso yo kureba barareba, n'abafite amatwi yo kumva barumva; kandi ngo nyir'ibintu yerekwa bike ibindi akirebera».

Yongera kwikiriza kubyo abwiye, arasubiza ati «cyane cyane, kereka nk'iyi ari kuwa gatanu mutagatifu niho mbona ibintu byinshi koko, nkabona noneho birushijeho, nkibaza nkavuga nti rwose, mu by'ukuri ntacyo ndi cyo».

Yikiriza kucyo abwiye, arasubiza ati «twarabisanze uretse ko igihe tuba turi kumwe kandi mpora mbasaba ni ukugira ngo muzampe imbaraga zo kugira ngo njye mbyakira nk'uko muba mubimpaye, noye kugira ubwinube, noye kugira n'ikindi kintu ndarikira cyantesha inzira yanyu. Murabona kuri iyi si hari byinshi, bishobora kurangaza umuntu ariko ku mbaraga zanyu nimwe mushobora kumenya icyo umuntu agomba gukora n'icyo muba mwaramuhamagariye».

Yikiriza kucyo abwiwe arasubiza ati «ubwo nabo bafite ikindi bibaza. Uretse ko yego, ukwibaza kubaho, umuntu akibaza ati ese bishoboka gute, bigenda gute, nanjye ntaramenya uko mwabimbwiraga kuwa gatanu mutagatifu, ntabwo nabisobanukirwaga mutarabimbwira, ariko aho mwamariye kujya mubimbwira kuwa gatanu mutagatifu, noneho ndashaka kubimenya no kubizirikana, kubera ko muba mwabinyeretse kandi muba mwabimbwiye».

Yikiriza kucyo abwiwe, arasubiza ati «erega mbona nta wundi wabishobora, kereka ahari mubo mwiyeretse, muha imbaraga zanyu bakabigerageza, naho ubundi ku giti cy'umuntu, ashwi daaa».

Asubiza kucyo abwiwe ati «oya nayo tuba tuyifite, uretse ko iyo bigejeje nk'akanya gatoya umuntu yumva mbese sinzi ukuntu ameze, nk'icyo gihe nari mfite ishapule, numva rwose sinzi ukuntu bihindutse naho simenye ko aribyo mugiyeye kunyereka, none no ku wundi muzabinyereka. Oya ntabwo ngize ubwoba kandi sinahangayitse kubera ko nababwiye yuko iyo umuntu ari kumwe namwe yumva ko mu by'ukuri, iby'isi byose aba abisize inyuma, ahubwo akabakurikira; kandi ugira amahirwe abona abakurikiye, aho kugira ngo arohame yabona ahabutse, akabona arabakurikiye. Kandi iyaba buri muntu wese yabibonaga, byatuma barushaho kuzirikana no kumva neza icyo muri cyo».

Atega amatwi, akajya yikiriza kubyo abwirwa, arasubiza ati «kuri ya saha, icyakora akenshi umuntu aba yanaryamye yanasinziriye, uretse ko arimwe mwikangurira umuntu, umuntu arasinzira ariko ku mbaraga zanyu, mutabimuhaye ntiyabishobora».

Atega amatwi akajya yikiriza, ubundi akabaza nk'utumvise neza icyo abwiwe ati «ariko se Papa, yego ariko kandi, kereka ahari yenda byaba ari nk'urwibutso, ariko kandi umuntu iyo areba asanga Atari urwibutso, ahubwo ari ibihoraho igihe cyose, kuko iyo ari urwibutso bigira inzira, ariko iyo ari ibihoraho umuntu arareba agasanga ahubwo birushaho kwiyongera».

Asubiza kucyo abwiwe ati «yego abakubabaza n'abagushimisha ariko rero kandi nizere ko muri iki gihe, Atari nka mbere, kandi n'abagihabye ni mwebwe bagira kugira ngo mubahabure. N'abadafite amatwi yo kumva, nimwe muyazibura kugira ngo umuntu ashobore kumva neza, icyo mushaka kutubwira».

Asubiza kucyo abwiwe, ati «oya ntabwo ari twese ariko kandi uwaba yaracengeje nizere ko yaba afite na babiri. Tubifashijwemo n’Umubyeyi wanyu ibyo byose ndumva ko umuntu ashobora kubimenya kandi no kubishobora. Eraga turamusaba nubwo akenshi yenda tumusaba tumuryarya, ariko kandi tumuryarya twasabye».

Atega amatwi, arasubiza ati «erega ibyo ni ibihoraho igihe cyose kubera ko umuntu asaba yirebera hirya atekereza ibyo azakora cyangwa se yakoze bikageza ndetse n’aho akenshi umuntu ahita anibagirwa».

Atega amatwi arasubiza ati «erega umuntu wese, ari ushaka kubimenya no kubizirikana yaba ahora abifite ku mutima we, ku buryo nta kintu gishobora kumurangaza, ariko kandi urabibona ukuntu kuri iyi si tumeze, ukuntu ku isi hariho byinshi bishobora kurangaza abantu ni nk’ibyo byose nakubwiye».

Atega amatwi arasubiza ati «uretse ko yenda tubyirengagiza ariko turabizi, nubwo yenda umuntu atabizirikana ariko turabizi, ariko buri muntu wese aba azi ko kuri iyi si ari umugenzi».

Yongera gutega amatwi, akajya yikiriza kubyo abwirwa, aza gusubiza ati «oya, uretse ko dukora, uretse yenda nk’uba yarakubonye, ariko kenshi habaho ukora avuga ati yenda ndakorera ubusa, undi ati yenda ndakorera ukuri ugasanga rero byose ni uruvange».

Atega amatwi akajya yikiriza kubyo abwirwa, arasubiza ati «erega ntabwo bibabaje cyane ariko kandi uwo biriho yumva ko ababaye nyakuri. Oya ntabwo dushobora kuwuhunga, kuko tuwuhunze nta wundi twaba tuwushyira. Ariko se umuntu yahunga akazahereza hehe, hari n’ushobora guhunga yagenda akabona ibindi birushijeho akavuga ati iyaba nari narakomeje, na bimwe nari narahawe na mbere».

Atega amatwi, akajya yikiriza, arasubiza ati «erega urandenganya, kuri iyi si, umuntu iyo afite umwanya wo guseka araseka, ariko se umuntu yahora mu kababaro akazahereza hehe? Umuntu anyuzamo akabyirengagiza».

Asubiza kucyo abwiwe, ati «yego guhunga simbyumva, uretse ko yego kenshi barabikora uretse natwe n’abandi bose, bikunze kutubaho cyane».

Akomeza gutega amatwi, akajya yikiriza kubyo abwiwe, arasubiza ati «tuzi ko mudufatiye runini ariko kandi n’ubwo tubizi, ibyo bimenywa na bakeya, none se uretse nka twe nk’ahandi yenda batakuzi, hariho abatakuzi. Uretse ko nje nibaza nti nka bariya koko, nti ndabasabira bitewe nuko iyo mbabonye nibuka n’ibyo dukora, nkareba n’abirirwa mbese batazi ko munariho cyangwa se mwanaje, nkumva bimbabaje, kandi namwe nkabona birabababaje».

Atega amatwi arasubiza ati «erega ibyinshi twarabibonye ariko kandi njewe mbona ari mwe mubitwoherereza. Kuko iyo mbonye na dukeya ndavuga nti buriya ni Papa utunyohereje, kereka yenda nk’abandi simbizi».

Atega amatwi akikiriza, asubiza kucyo abwiwe, ati «gufatanyama namwe, yego turifatanyama ariko kandi nubwo twifatanyije, twebwe tubona ari nta na kimwe twakoze, ahubwo tukabona tubababaza».

Atega amatwi, arasubiza ati «yego mu by’ukuri igihe cyose nararebye nsanga nimubimpa cyakora nzihangana. Kubera ko umuntu aba ari kumva ko yenda nta n’ikindi cyaza ngo kimutangire. Ariko kubera ko umuntu aba avuga ati Papa turi kumwe na Mama, yumva mbese ko imbaraga zose ari izanyu, kandi no mu byo akora byose akumva ari mwebwe aba abihereje gusa».

Atega amatwi akajya yikiriza noneho avuga nk’utumwe ku bari aho ati:

«Ngo aratubwira yuko, tugomba gusaba imbabazi igihe cyose, ngo kuko tudahora turi intungane; ngo hari benshi banga gusaba imbabazi, ngo bavuga yuko ari nta cyaha na kimwe bafite, ngo ese ubwiwe n’iki yuko uri umwere ngo de, ngo nyamara kandi nta byera ngo de. Ngo aratubwira yuko adufatiye hejuru y’inyanja ngo nyamara kandi, ngo ntituzi yuko aturekuriyemo twagwa. Ngo aratubwira yuko ateze amaboko ategereje uwaza. Ngo aratubwira yuko isi ari ikibuga yaduharuriye, kugira ngo tukidagadureho, ngo kuko tutazi umunsi wo kudutarura. Ngo yababwiye kenshi, ngo yababuriye kenshi, ngo ufite ugutwi ko kumva, ngo arumve icyo yaba yarababwiye.

Ngo twumve neza ko igihe yaje ababwiye, ataje kugira ngo mukine, ngo ahubwo yaje kugira ngo musenge, ngo kandi yaje no kubibutsa. Ngo nyamara kandi, ngo tumenye yuko ari nta na kimwe yigeze atubwiramo, ngo nyamara

kandi ngo ibyo yatubwiye ni ibyo twari dusanzwe tuzi, ngo kuko ibyo atubwiye uretse ko twabyirengagizaga ngo tukanga kubikora, ngo twari dusanzwe tubizi. Ngo aratubwira yuko, ngo tugomba gusingiza Imana igihe cyose. Ngo aratubwira yuko rero, ngo ijambo rye ritazahera ngo ahubwo irizahera ni iryo azaba atavuze. Ngo aratubwira yuko igihe cyose tugomba kwihanganira ibyo tubonye, cyangwa se ibyo dusanze».

Atega amatwi, akajya yikiriza kubyo abwirwa, arasubiza ati «ndumva narayibagiwe, nyiheruka kera».

Atega amatwi yongera kuvuga nk'utumwe ku bari aho ati «ngo nitureke gukorera ku bwoba, ngo kuko nukorera ku bwoba, ngo nta na kimwe uzatoramo».

Atega amatwi yikiriza icyo abwiwe noneho atangira kuririmba ati umugambanyi w'inzira n'urupfu izina rye ni Yuda, yagambanishije Umwana w'Imana aramugurisha, habayeho imibabaro myinshi cyane ku mwana w'Imana, iyo nuburiye amaso mu ijuru ngira amarira menshi. Yuda yabonye Yezu amaze gufatwa, aherako yiyahura». Ubwo aherako yitura hasi agaramye ariko akomeza kuririmba ati «habayeho umubabaro mwinshi cyane ku Mwana w'Imana iyo nuburiye amaso mu ijuru ndira amarira menshi».

Ubwo aherako abaduka, ubona mu maso ye haretse amarira menshi ariko akomeza kuririmba adandabirana ati «bamwicishije urw'agashinyaguro kandi ari Umwana w'Imana».

Yongera kwitura hasi, ariko ataretse gukomeza kuririmba, abadukana ingoga, akomeza kuririmba, ati « bamwicishije urw'agashinyaguro kandi ari Umwana w'Imana, habayeho imibabaro myinshi cyane ku mwana w'Imana, iyo nuburiye amaso mu ijuru ndira amarira menshi».

Asubiza kucyo abwiwe ati «ndumva nta mwuka mfite mwinshi; ntabwo nzi impamvu yabiteye. Mbese ko umbajije ngo impamvu zatumye uwubura ni izihe, uko mubibona niko nanjye mbiruzi».

Atega amatwi, akajya abaza nk'utumvise neza, ubundi akikiriza. Arasubiza ati«ndabyemeye kandi uko mbyemeye, uzampe kugira ngo byose bizajye bivamo

ugushaka kwanyu. Sinzabe igikoresho cyo ku isi, ahubwo nzabe uwanyu, nk'uko mwemeye kuza kunyiyereka kuri iyi si, ari ntacyo nari cyo».

Akomeza kwikiriza kubyo abwirwa, arasubiza ati «twifatanyije namwe, kubera ko mu by'ukuri igihe cyose, nk'iyi mbona, numva ko ndi mu maboko yanyu nyakuri; nta gushidikanya».

Avuga nk'usubira mubyo abajijwe ati «ngo abatakubona bavuga iki? Abatakubona nk'abo nshobora kubona, mbese mbona nabo bafite amatsiko yo kukubona; kandi n'utakubona iyo mudutumye ashobora kumva ibyo muba mumudutumyeho».

Asubiza kucyo abwiwe ati «yego iyo babyumvise, uretse ko yenda umuntu adashobora kumenya buri muntu uwo ari we wese ariko ubyumvise, hariho ababizirikana, hariho n'ababisiga aho bari».

Avuga nk'usubiza kucyo abwiwe ati «yego uko twese twazindutse siko dusukuye ariko kandi ntabwo ari cyane, kandi nimwe dusaba isuku».

Atega amatwi, yikiriza kubyo abwirwa ati «byongeye kandi ni ukugira ngo igihe umuntu aba yemeye gukora urugendo rurerure, mujye mumuha imbaraga zo kugira ngo yumve neza ko urugendo yakoze Atari urwo gupfusha ubusa ahubwo ari urwo kuzirikana yumva ukuri, yumva neza ko aba akoze urugendo rutagatifu, ari hagati yanyu. Umuntu ntazinduke aje kumva gusa, ahubwo azirikana no ku mutima».

Atega amatwi, akajya yikiriza kubyo abwiwe arabaza ati «ntabwo turi butindane se kubera iki? Kandi nahoze ngira ngo ninjye nnyenyine? Nagize ngo ni nyewe twigumanira tukazarinda tugeza na ryari. Oya ntabwo ari ukwikunda, ariko uwakubonye yanakwikunda koko».

Atega amatwi, arasubiza ati «oya ariko rero, ubu se ni cyane, rero n'uko muba mutanabizi hari yego byose murabizi ariko nk'ubu umbwiye uti twigumanire, twiraranire tuzageze na ryari, nakwishima, nakwishima, ahubwo mukankoresha icyo mushaka, ariko mubimbwiye weee!!! Umenya ahari mutanabivuga».



Mu ibonekerwa ahanga amaso uwamwigaragarije, azi ko ari we wenyine bari kumwe, atakiri i Kibeho.



Atega amatwi, abaza kucyo abajijwe arasubiza ati «nari maze igihe». Akomeza gutega amatwi arasubiza ati mu by'ukuri, abantu bo kuri iyi si, uko umbwira uko mbareba, njyewe nshobora kureba agace gatoya, ariko mwebwe mushobora kureba, ahenshi, ariko rero aho nshoboye kureba mbona bagerageza rwose. N'uwo

biburira aba yagerageje. Ariko se ni ukubera iki nk'ubu ngubu habaho igihe ngenda abantu bakambwira, ngo ese ni ukubera iki wituraga hasi? Ariko njyewe nk'ubu iyo mbibona, nkabura ukuntu mbisobanura».

Abaza nk'utumvise icyo abwiwe, aravuga ati «kugeza ubu nzajya mbabwira nti mubifate uko mwabibonye».

Avuga nk'aho asubiza kucyo abwiwe ati «bakunda kubimbaza, umenya ahari baba baje. Oya izi ndabo, akenshi mwebwe mudusobanurira muti izi ni indabo ariko njyewe nabonye ari indabo-muntu rwose. Cya gihe sinababwiye ngo reka nzibatize nanjye, nanjye nkababwira nti ni indabo-muntu? Oya mwanze kubyemera».

Avuga nk'usubiza kucyo abwiwe ati «aho nabikuye? Ni ukubera ko nk'iyotwitan dukaniye baba baje kumva ibyo twivugira».

Avuga nk'usubiza kucyo abwiwe ati «barabimbaza cyane. Oya bakunze kubimbaza, ariko mbasobanurira uko mbyumva, ibyo ntasobanukiwe mujye mumpa kugira ngo nshobore kubisobanukirwa».

Akomeza kwikiriza kubyo abwirwa arasubiza ati «murebe impande zose z'isi, kugeza ubu ngubu zitaramenya yuko, muriho kandi mwaje kutwerekera urukundo mudufitiye, cyane cyane mu batakuzi. Papa uzi ko, oya ntabwo nari nibagiwe».

Arikiriza ati «abantu baje n'amaguru ni benshi, njye nagize ubwoba, naravuze ngo ntazagwa mu nzira, ariko umenya mfite ukwizera gukeya. Nigiriye ubwoba ndavuga nti reka da, nti singiye gupfira mu nzira. Abandi barazaaa, baraza baratinda mu nzira njye ngira ubwoba ndavuga nti shwi, nti singiye gupfa».

Asubiza kucyo abwiwe ati «uretse ko umuntu abisabye yego mwabimuha, ariko rero sinzi ukuntu mbona nje mbifata, mbifata ahari nk'ibikinisho, kandi nyamara burya biba bikomeye».

Abaza kucyo abwiwe, ati «ndumva mfite inyota nyinshi, nyinshi cyane, ubwo se mwampaye basi n'agatonyanga gatoya? Kamwe karahagije ko kugira ngo numve meze neza».

Asubiza kucyo abwiwe ati «oya, ariko rero kuba meze neza nuko mba mbareba, ariko hari n’ahandi umuntu aba amerewe nabi».

Yozefa MUKAMANA yabonekewe kandi na Yezu, amwumvisha agaciro k’ububabare bwe, amusaba ko bababarana kugira ngo roho zirokoke. Ubu ni ku itariki ya 20/3/1990. Amubabaza amutura hasi.

Atega amatwi akajya akajya yikiriza uko yagapfukamye, noneho arahaguruka akomeza gutumbirira hejuru ariko noneho mu rundi ruhande, avuga nk’ubaza kucyo abwiwe ati «duke cyane? Yebaba weee, ubwo umbwiye duke nyine, ndamira twinshi ahubwo murebe hirya gatoya. Ntabwo muzi iminsi maze? Nditonda nyine ndagenda mire twinshiii».

Ubwo atambuka gahoro gahoro areba hejuru gusa, agana aho amazi ari mu tujerikani n’uducuma, avuga nk’usubiza ati «Papa, oya ntabwo ari ukubahenda ubwenge, nimumara kutumpa mugire mutya gatoya». Uko kugira gutyo yavugaga ni uguhindukira, ati «kugira ngo mpite nkarangiza aka kanya».

Agenda agana aho amazi ari ariko atayareba, ibiganza abigarura ku gituzza ariko yitegereza imbere ye hejuru.

Atangira kuririmba ati «Roho yanjye ifite inyota y’Imana nyir’ubuzima. Amarira yanjye nicyo cyo kurya cyanjye umunsi n’ijoro mu gihe bambaza ubudatuzza ngo mbese Imana yawe iba hehe. Roho yanjye ifite inyota y’Imana nyir’ubuzima. Uko imparakazi ihangariza amazi afutse niko roho yanjye iguhangarije wowe Mana yanjye».

Mu gihe ateye icyo gitero yunama amaso ye ahanze hejuru, afata akajerikani arakazamura, agapfundura bitamugoye, atanakareba ahubwo amaso areba hejuru, kandi aririmba ibindi bitero, arahindukira, asa n’umurikira uwo baganiraga ako kajerikani afite mu ntoki, ariko akomeza kuririmba. Asuka ku munwa ngo anywe ariko ntihagira n’igitonyanga gisohokamo ngo kimugwe mu kanwa ati «nta kintu mbonye habe na gatoya». Abaza kucyo abwiwe arasubiza ati «ubu nta kintu ndabona habe na gato». Ati «nimumbabarire». Ubwo akaba ashize akajerikani ku munwa agira ngo anywe ariko ntihaze igitonyanga na kimwe ariko yazunguza ukabona amazi yuzuye. Agashaka gusuka mu kanwa ngo anywe ariko amazi ntaze ati «ngiye kwirorera». Ukabona

arabaza akikiriza, ubona ko ateze guhabwa uruhushya rwo kunywa noneho akubita ku munwa haza duke two kubobeza iminwa ntiyakomeza kuma nka mbere.

Ashaka kuboneraho kunywa menshi, asubiza nk'aho hari icyo abibwiweho ati «oya, ntabwo ngiye kuba agasambo». Ati «ariko Papa urabona, ugasanga koko mumpaye? Ahubwo mubishatse mwanyongera. Oya ntabwo mbategeka ni ku bushake bwanyu».

Yongera kunywa mu kanwa kinjiramo intama arashimira asubiza akajerikani aho kari kari amaze kugapfundikira

Birangiye areba hejuru avuga asabira abantu ati «nimutere imbaraga abantu bose mubona bameze nabi; mubahe imbaraga zo kugira ngo bashobore kumva neza koko. Dawe mwiza nkweretse ibihe turimo muri iki gihe kugira ngo mubirebe, muduhe imbaraga zo kugira icyo dukora na gitoya. Nkweretse abavandimwe bacu baje, cyane cyane wa muvandimwe twari turi kumwe, uko twageze mu nzira niko wabibonye».

Yikiriza kubyo abwiwe, arasubiza ati «ntabwo nari mbizi». Akomeza gutega amatwi noneho asa n'utura umubi, avuga nk'usubiza kucyo abwiwe ati «nahaze. Nsigaye ntura umubi noneho kubera ko nahaze».

Akomeza kwikiriza kubyo abwirwa, ubwo Valantina nawe aba azamutse kuri podium, Yozefa avuga nk'usubira mubyo abwiwe ati « ku itariki 20 z'ukwa gatatu niho muzongera kugaruka umwaka utaha». Avugana ibyishimo aseka ati «wibereye kumwe n'undi mwana wawe».

Mu kuvuga atyo arambura amaboko aririmba ati «urugendo rwiza bana b'Imana. Imana ibahe umugisha». Ubwo akaba ari kumwe na Valantina ubona ko bombi bari kumwe n'umuntu umwe ubari hagati, ahindukira rero aririmba maze yikubita hasi, ibonekerwa rye rirangira rityo.

Byakumwe mu gitabo : *IBYABAYE i KIBEHO NTUZABIBARIRWE* cyanditswe na
Dominiko MAKELI, pp. 41 – 68 -
Byandukuwe na AVMDKI ASBL – Bruxelles.